**PRESIDENCE DE LA REPUBLIQUE RWANDAISE**
**COMMISSION NATIONALE DE LUTTE CONTRE LE SIDA**
*Projet Mulisectoriel de Lutte contre le SIDA (MAP)*

Kigali, le 10/7/2003

KOMISIYO Y'IGIHUGU ISHINZWE KURWANYA SIDA
CNLS

B.P. 7162 KIGALI

N. Réf :..021../UGP-CNLS/2003
V. Réf :...................................

Reçu : le 29/7/03
n° : 2539/21

Bwana Perezida w'Inama Nkuru y'Urubyiruko
Kigali

Objet : **Igurwa ry'ibikoresho**

Bwana Perezida,

Nabonye urwandiko rwanyu n°0123/CNJ/II/03 rwo ku wa 09/07/2003 rumenyesha ko mwifuza kugura ibikoresho mu mafaranga y'umushinga VCT/intégré mukoresheje inzira musanzwe mukoresha mufatanije na Minisiteri ibagenga.

Nk'uko twabiganiriye kuri telefoni nyuma y'uko mbona urwo rwandiko, umushinga ufite amabwiriza akurikizwa mu byerekeye gutanga amasoko (manuel de procédures) yumvikanyweho hagati ya Leta y'u Rwanda na Global Fund yatanze amafaranga y'umushinga. Ayo mabwiriza akaba ateganya ko amasoko manini yose ateganijwe mu bice by'umushinga (composantes) ahurizwa hamwe agatangirwa hamwe mu mushinga. Kunyuranya n'ayo mabwiriza mu gutanga amasoko bishobora kugira ingaruka mbi ku mushinga.
Ibyo kandi abashinzwe gucunga amafaranga mu bice (composantes) by'Umushinga barabisobanuriwe neza mu mahugurwa Umushinga wabakoreye.

Ibyo rero ni byo Umushinga, ubicishije kuri National Tender Board, wakoze utegura amasoko y'imodoka n'amapikipiki agenewe ibice (composantes) by'Umushinga ari byo : CNJR, ANSP+, PNILT, DSS na TRAC.

Iryo soko rero nk'uko nabibabwiye rikaba rigeze mu cyiciro cyo gufungura amabahasha cyabaye uyu munsi kuwa 10/7/2003.

Nkaba mbona gutangira gutegura irindi soko, uretse ko bitaba byubahirije ayo mabwiriza navuze haruguru ahubwo byaba no kudindiza icyo gikorwa cyari kigeze kure.

Mugire amahoro.

Dr Thomas KARENGERA
Umuhuzabikorwa UGP-CNLS

Bimenyeshejwe

- Bwana Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo n'Umuco
- Bwana Umunyamabanga wa Leta Ushinzwe kurwanya SIDA n'izindi ndwara z'ibyorezo
- Madamu Umunyamabanga Nyubahirizategeko wa Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya SIDA
- Bwana Umuhuzabikorwa w'Umushinga VCT/Intégré CNLS
- Bwana Ushinzwe gucunga Imali UGP-CNLS